REPUBLIC OF RWANDA

MINISTRY OF HEALTH
P.O.BOX 84 KIGALI
www.moh.gov.rw

Kigali, 13 1 MAI 2021
N°20/2788 /PS/LD/2021

Chief Executive Officer King Faisal Hospital
Commandant of Rwanda Military Hospital
Chairman of Medical Referral Board (MRB)
Director General of University Teaching Hospital of Kigali (CHUK)
Director General of University Teaching Hospital of Butare (CHUB)
Director General of Referral Hospital (All)
Director General of Provincial Hospital (All)
Director General of District Hospital (All)
Head of Health Center (All)
Kigali

Dear Sir/Madam,

RE: Transmission Ministerial Order determining modalities for establishment, organization and functioning of the committee of medical doctors

Following the publication in the Official Gazette n^0 18 of 17/05/2021 of the Ministerial Order N^0 002/MoH/2021 of 12/05/2021 determining modalities for establishment, organization and functioning of the committee of medical doctors;

I hereby send you the aforementioned Ministerial Order for quick implementation.

Sincerely,

MINISTRY OF HEALTH

Dr. NGAMIJE M. Daniel
Minister of Health

Cc:

- **Hon. Minister of State in Charge of Primary Health Care**
  Kigali

ITEKA RYA MINISITIRI N° 002/MoH/2021 RYO KU WA 12/05/2021 RIGENA UBURYO AKANAMA K'ABAGANGA GASHYIRWAHO, IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BYAKO	MINISTERIAL ORDER N° 002/MoH/2021 OF 12/05/2021 DETERMINING MODALITIES FOR ESTABLISHMENT, ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE COMMITTEE OF MEDICAL DOCTORS	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 002/MoH/2021 DU 12/05/2021 DÉTERMINANT LES MODALITÉS DE CRÉATION, D'ORGANISATION ET DE FONCTIONNEMENT DU COMITÉ DES MÉDECINS
ISHAKIRO	**TABLE OF CONTENTS**	**TABLE DES MATIÈRES**
Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije	Article One: Purpose of this Order	Article premier: Objet du présent arrêté
Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo	Article 2: Definitions	Article 2: Définitions
Ingingo ya 3: Ishyirwaho ry'Akanama k'abaganga	Article 3: Establishment of the Committee of medical doctors	Article 3: Création du Comité des médecins
Ingingo ya 4: Gusaba iterana ry'Akanama k'abaganga	Article 4: Request for meeting of the Committee of medical doctors	Article 4: Demande de réunion du Comité des médecins
Ingingo ya 5: Imikorere y'Akanama k'abaganga	Article 5: Functioning of the Committee of medical doctors	Article 5: Fonctionnement du Comité des médecins
Ingingo ya 6: Raporo y'Akanama k'abaganga	Article 6: Report of the Committee of medical doctors	Article 6: Rapport du Comité des médecins
Ingingo ya 7: Kujuririra icyemezo cy'Akanama k'abaganga	Article 7: Appeal against the decision of Committee of medical doctors	Article 7 : Recours contre la décision du Comité des médecins

Ingingo ya 8: Iyemezwa rya raporo ya muganga wakurikiranye umurwayi wivurije mu mahanga	**Article 8: Approval of the medical report from the treating medical doctor of a patient treated abroad**	**Article 8 : Approbation du rapport médical du médecin traitant d'un patient soigné à l'étranger**
Ingingo ya 9: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka	**Article 9: Repealing provision**	**Article 9: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 10: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa	**Article 10: Commencement**	**Article 10: Entrée en vigueur**

ITEKA RYA MINISITIRI N° 002/MoH/2021 RYO KU WA 12/05/2021 RIGENA UBURYO AKANAMA K'ABAGANGA GASHYIRWAHO, IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BYAKO	MINISTERIAL ORDER N° 002/MoH/2021 OF 12/05/2021 DETERMINING MODALITIES FOR ESTABLISHMENT, ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE COMMITTEE OF MEDICAL DOCTORS	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 002/MoH/2021 DU 12/05/2021 DÉTERMINANT LES MODALITÉS DE CRÉATION, D'ORGANISATION ET DE FONCTIONNEMENT DU COMITÉ DES MÉDECINS
Minisitiri w'ubuzima;	**The Minister of Health;**	**Le Ministre de la Santé ;**
Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;	Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176 ;
Ashingiye ku Itegeko n° 017/2020 ryo ku wa 07/10/2020 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 30;	Pursuant to Law n° 017/2020 of 07/10/2020 establishing the general statute governing public servants, especially in Article 30;	Vu la Loi n° 017/2020 du 07/10/2020 portant statut général régissant les agents de l'État, spécialement en son article 30 ;
Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 14/04/2021 imaze kubisuzuma no kubyemeza;	After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 14/04/2021;	Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 14/04/2021;
ATEGETSE:	**ORDERS:**	**ARRÊTE :**

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije	**Article One: Purpose of this Order**	**Article premier: Objet du présent arrêté**
Iri teka rigena uburyo Akanama k'abaganga gashyirwaho, imitunganyirize n'imikorere byako.	This Order determines modalities for the establishment, organisation and functioning of the Committee of medical doctors.	Le présent arrêté détermine les modalités de création, d'organisation et de fonctionnement du Comité des médecins.
Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo	**Article 2: Definitions**	**Article 2: Définitions**
Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:	In this Order, the following terms have the following meanings:	Dans le présent arrêté, les termes suivants ont les significations suivantes :
1° **Minisitiri:** Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano;	1° **Minister:** Minister in charge of health;	1° **Ministre:** Ministre ayant la santé dans ses attributions ;
2° **uburwayi:** uburwayi butuma umurwayi asabirwa ikiruhuko kirekire;	2° **disease:** disease which is subject to long-term leave;	2° **Maladie:** maladie faisant l'objet d'un congé de longue durée ;
3° **umurwayi:** umukozi wifuza gusaba ikiruhuko kirekire cy'uburwayi.	3° **patient:** an employee who intends to request a long-term sick leave.	3° **patient:** un employé qui a l'intention de demander un congé de maladie de longue durée.
Ingingo ya 3: Ishyirwaho ry'Akanama k'abaganga	**Article 3: Establishment of the Committee of medical doctors**	**Article 3: Création du Comité des médecins**
Akanama k'abaganga gashyirwaho kuri buri bitaro bya Leta n'ibifatanya na Leta ku bw'amasezerano.	A Committee of medical doctors is established at every public and subsidised hospital.	Un Comité des médecins est créé dans chaque hôpital public et conventionné.
Akanama k'abaganga kagizwe n'abaganga bemewe na Leta batatu (3) bakurikira:	The Committee of medical doctors is composed of the following three (3) recognised medical doctors:	Le Comité des médecins est composé de trois (3) médecins agréés suivants:

1° umuyobozi ushinzwe ibikorwa by'ubuvuzi mu bitaro umurwayi yivurijemo, akaba ari we Perezida w'Akanama;	1° the head of clinical services in the hospital from which a patient received medical treatment, who is the Chairperson of the Committee;	1° le responsable des services cliniques au sein de l'hôpital dans lequel un patient a reçu des traitements médicaux, qui est le Président du Comité;
2° umuganga wavuye umurwayi;	2° a medical doctor who treated the patient;	2° le médecin qui a traité le patient;
3° umuganga ufite ubumenyi ku burwayi, ushyirwaho n'umuyobozi w'ibitaro umurwayi yivurijemo.	3° a medical doctor with expertise in the disease, who is appointed by the head of the hospital from which the patient received medical treatment.	3° un médecin, spécialisé dans la maladie, désigné par le responsable de l'hôpital dans lequel le patient a reçu des traitements médicaux.
Iyo mu bitaro nta muganga ufite ubumenyi ku burwayi uhari, umuyobozi w'ibyo bitaro asaba uwo muganga mu bindi bitaro biri mu ntara imwe n'iyo ibitaro umurwayi yivurijemo bikoreramo. Iyo muganga ufite ubumenyi ku burwayi abuze mu ntara umurwayi yivurijemo, umuyobozi w'ibitaro asaba Minisitiri kumushyiraho.	In case there is no medical doctor with expertise in the disease at the hospital, the head of the hospital requests a medical doctor with expertise in the disease from another hospital in the province where the patient was treated. If the medical doctor with expertise in the disease cannot be found in the province, the head of the hospital requests the Minister to nominate him or her.	Lorsqu'il n'y a pas de médecin spécialisé dans la maladie dans l'hôpital, le responsable de l'hôpital en fait la demande à un autre hôpital de la province où le patient a été traité. Si dans la province il n'y a pas de médecin spécialisé dans la maladie du patient, le responsable de l'hôpital demande au Ministre de le nommer.
Ingingo ya 4: Gusaba iterana ry'Akanama k'abaganga	**Article 4: Request for meeting of the Committee of medical doctors**	**Article 4: Demande de réunion du Comité des médecins**
Umurwayi yandikira Umuyobozi w'ibitaro yivurizamo amusaba gutumiza Akanama k'abaganga kugira ngo gasuzume niba akeneye ikiruhuko kirekire cy'uburwayi.	The patient sends a written request to the head of the hospital in which he or she is treated to convene the Committee of medical doctors to assess whether he or she needs a long-term sick leave.	Le patient envoie une demande écrite au responsable de l'hôpital dans lequel il est soigné afin de réunir le Comité des médecins pour évaluer s'il a besoin d'un congé de maladie de longue durée.

Umurwayi yohereza ku mugereka w'ubusabe raporo ya muganga y'ibanze, iriho umukono w'umuganga wamukurikiranye, igaragaza uburyo umurwayi yivuje n'impamvu akeneye ikiruhuko kirekire cy'uburwayi.	The patient attaches to the request the initial medical report signed by the treating medical doctor and indicating treatment that the patient received and justification for long-term sick leave.	Le patient joint à la demande le rapport médical initial de son médecin traitant qui indique les traitements qu'il a reçus et la justification du congé de maladie de longue durée.
Ingingo ya 5: Imikorere y'Akanama k'abaganga	**Article 5: Functioning of the Committee of medical doctors**	**Article 5: Fonctionnement du Comité des médecins**
Akanama k'abaganga gaterana iyo bibaye ngombwa.	The Committee of medical doctors meets whenever necessary.	Le Comité des médecins se réunit lorsqu'il est nécessaire.
Perezida w'Akanama k'abaganga amenyesha abakagize umunsi, isaha, n'ahantu inama izabera mu gihe kitarenze iminsi ibiri (2) y'akazi uhereye ku munsi abagize Akanama k'abaganga bashyiriweho.	The Chairperson of the Committee of medical doctors communicates to its members the date, time, and venue of the meeting within two (2) working days from the date of designation of the members of the Committee of medical doctors.	Le Président du Comité des médecins communique à ses membres le jour, l'heure, et le lieu de la réunion endéans deux (2) jours ouvrables à partir du jour de nomination des membres du Comité des médecins.
Iyo Akanama k'abaganga gakeneye kubona umurwayi mu rwego rw'isuzuma, Perezida asaba umurwayi kwitaba Akanama k'abaganga ku munsi, ku isaha, n'ahantu biri mu butumire, icyakora itariki ntigomba kurenga iminsi itatu y'akazi (3) ibarwa uhereye umunsi Akanama gaheruka guteraniraho. Ikiguzi cy'isuzuma cyishyurwa n'umurwayi.	If the Committee of medical doctors needs to see the patient for examination, the Chairperson invites the patient to present himself or herself before the Committee on the date, time, and venue specified in the invitation, but the date must not go beyond three (3) working days from the day of last meeting of the Committee. The examination fee is paid by the patient.	Lorsque le Comité des médecins a besoin de voir le patient pour examen, le Président invite le patient à se présenter devant le Comité à la date, à l'heure, et au lieu indiqués dans l'invitation, mais la date ne doit pas dépasser trois (3) jours ouvrables à compter du jour de la dernière réunion du Comité. Les frais d'examen sont à charge du patient.
Iyo Akanama k'abaganga kemeje ko umurwayi akeneye ikiruhuko kirekire	If the Committee of medical doctors confirms that a patient needs a long-term sick leave, it	Lorsque le Comité des médecins confirme qu'un patient a besoin d'un congé de maladie

cy'uburwayi kabikorera raporo igaragaza ko adashoboye gukora.	makes a report thereon attesting that the patient is unable to work.	de longue durée, il en fait un rapport qui atteste que le patient est incapable de travailler.
Iyo Akanama k'abaganga kemeje ko umurwayi adakeneye ikiruhuko kirekire cy'uburwayi, kabikorera raporo isobanura impamvu z'icyo cyemezo.	If the Committee of medical doctors concludes that a patient does not need a long-term sick leave, it makes a report thereof justifying grounds for such a decision.	Lorsque le Comité des médecins conclue qu'un patient n'a pas besoin d'un congé de maladie de longue durée, il en fait le rapport qui motive cette décision.
Ingingo ya 6: Raporo y'Akanama k'abaganga	**Article 6: Report of the Committee of medical doctors**	**Article 6: Rapport du Comité des médecins**
Perezida w'Akanama k'abaganga ashyikiriza umurwayi raporo y'Akanama k'abaganga mu gihe kitarenze iminsi ibiri (2) y'akazi uhereye ku munsi kateraniyeho, akagenera kopi Minisitiri n'umuyobozi w'ibitaro umurwayi yivurijeho.	The Chairperson of the Committee of medical doctors transmits to the patient a report of the Committee of medical doctors within two (2) working days from the date of its meeting, with a copy to the Minister and the head of the hospital from which the patient received treatment.	Le Président du Comité des médecins remet au patient, endéans deux (2) jours ouvrables à partir du jour de sa réunion, un rapport du Comité des médecins, avec copie au Ministre et au responsable de l'hôpital dans lequel le patient a reçu des traitements.
Ingingo ya 7: Kujuririra icyemezo cy'Akanama k'abaganga	**Article 7: Appeal against the decision of Committee of medical doctors**	**Article 7 : Recours contre la décision du Comité des médecins**
Iyo umurwayi atishimiye icyemezo cyafashwe n'Akanama k'abaganga, ashobora kujuririra Minisitiri mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi uhereye ku munsi yamenyesherejweho icyo icyemezo.	If the patient is not satisfied with the decision of the Medical committee, he or she may appeal to the Minister within five (5) working days from the date of the notification of the decision.	Si le patient n'est pas satisfait de la décision du Comité des médecins, il peut en faire recours auprès du Ministre endéans cinq (5) jours ouvrables à compter de la date de notification de cette décision.
Minisitiri yohereza ubwo bujurire Akanama gashinzwe kohereza abarwayi kwivuriza mu mahanga mu gihe kitarenze iminsi itanu (5)	The Minister forwards the appeal to the Medical Referral Board within five (5) working days from the day of the reception of the appeal.	Le Ministre transmet le recours à la Commission Médicale de Référence dans cinq (5) jours ouvrables à compter de la date de réception du recours.

y'akazi uhereye ku munsi ubujurire bwakiriwe.		
Akanama gashinzwe kohereza abarwayi kwivuriza mu mahanga gaha Minisitiri raporo mu gihe kitarenze iminsi cumi (10) y'akazi uhereye ku munsi kakiriyeho ubwo bujurire.	The Medical Referral Board transmit its decision to the Minister within ten (10) working days from the day of the reception of the appeal.	La Commission Médicale de Référence transmet sa décision au Ministre endéans dix (10) jours ouvrables à compter du jour de la réception du recours.
<u>Ingingo ya 8</u>: Iyemezwa rya raporo ya muganga wakurikiranye umurwayi wivurije mu mahanga	**<u>Article 8</u>: Approval of the medical report from the treating medical doctor of a patient treated abroad**	**<u>Article 8</u> : Approbation du rapport médical du médecin traitant d'un patient soigné à l'étranger**
Umurwayi wivurije mu mahanga ashyikiriza Minisitiri raporo ya muganga wemewe na Leta wamukurikiranye kugira ngo yemezwe n'Akanama gashinzwe kohereza abarwayi kwivuriza mu mahanga mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi uhereye ku munsi kakiriyeho iyo raporo.	A patient treated abroad submits to the Minister a medical report from the recognised treating medical doctor for approval by the Medical Referral Board within five (5) working days from the day of reception of the report.	Un patient soigné à l'étranger transmet au Ministre un rapport médical du médecin traitant agréé pour approbation par le Comité Médical de Référence dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours ouvrables à compter de la date de réception du rapport.
Raporo ya muganga wemewe na Leta wakurikiranye umurwayi wivurije mu mahanga iherekezwa n'inyandiko y'ibiro bihagarariye u Rwanda mu mahanga yemeza ko uwo muganga yemewe mu gihugu umurwayi yivurijemo.	The report from the recognised treating medical doctor of a patient treated abroad is accompanied by a document from the diplomatic mission of Rwanda confirming that the treating medical doctor is recognised in the country in which the patient received medical treatment.	Le rapport médical du médecin traitant agréé d'un patient soigné à l'étranger est accompagné par un document de la mission diplomatique du Rwanda qui confirme que ce médecin est agréé dans le pays où le patient a reçu des traitements médicaux.

<u>Ingingo ya 9</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho. **<u>Ingingo ya 10</u>: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa** Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	**<u>Article 9</u>: Repealing provision** All prior provisions contrary to this Order are repealed. **<u>Article 10</u>: Commencement** This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	**<u>Article 9</u>: Disposition abrogatoire** Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées. **<u>Article 10</u>: Entrée en vigueur** Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 12/05/2021

(sé)

Dr NGAMIJE MADANDI Daniel
Minisitiri w'Ubuzima
Minister of Health
Ministre de la Santé

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux